Ndahiye k'ufite roho ya Muhamadi mu kuboko kwe ko nta n'umwe mu bayoboke banjye uzanyumva yaba ari umuyahudi cyangwa se umunaswara ngo areke kunyemera, maze apfe atemeye ubutumwa naje nzanye usibye ko azajya mu muriro

Hadith yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Ndahiye k'ufite roho ya Muhamadi mu kuboko kwe ko nta n'umwe mu bayoboke banjye uzanyumva yaba ari umuyahudi cyangwa se umunaswara ngo areke kunyemera, maze apfe atemeye ubutumwa naje nzanye usibye ko azajya mu muriro.

[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irarahira ku izina rya Allah, ko uwo ari we wese uzayimenya yaba umuyahudi cyangwa se umunaswara cyangwa se n'abandi, cyangwa se akagerwaho n'ubutumwa bwa Muhamadi (Imana imwishimire), hanyuma agapfa atamwemeye ko azaba umwe mu bantu bazajya mu muriro ubuziraherezo.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/3272